BUCYANA Bernard

1 D
7 P

UMUVUGO

7 Juillet 1997

BUCYANA Bernard
C/O COLLEGE DE REBERO
( 4e NP D6 )
B.P. 57 BYUMBA.

# I R U S H A N W A RYO K U V U G A N E Z A
# MU M A S H U R I Y I S U M B U Y E YO
# M U R W A N D A .

Robero, le 07 Nyakanga 1997

ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE

BABANE NEZA.

Banyarwanda, Banyarwandakazi;

Inkangu yagwiriye iki gihugu muri mata 1994; ntawe ushobora kuyibagirwa; kuyibuka ni ukubungabunga ngo itazongera kuba muri uru Rwanda. Inkunga uko ingana kose irakenewe mu gusana no gusubiza uru Rwanda isura rwahoranye mbere y'urwo rugomo rwose rwagiriwe. Ikibazo kitureba twese ni ukumenya icyakorwa ngo Rwanda isubire kuba indatwa Indakemwa, urwego nk'urwo rwari umutima wa Afrika kubera kurangwamo imfura.

Turabizi kuva uru Rwanda rwahangwa na Gihanga ngoma ijana rwari u Rwanda rw'amata n'ubuki, rutemba ituze n'amahoro, impamba ari impano y'umubano mwiza warangwaga hagati y'abarutuye, batureje batumirana, bagatabarana bakifatanya mu byago no mu byiza, nta mahane nta muvundo; nta nduru cyangwa undi mwiryane.

Ibi ariko ntibyanyuze amahanga, kuko atashoboye kwihangana mu guhanganisha abanyarwanda ngo barabatoza ubuhanga, ariko bahindura umuco wacu; biba intandaro y'uko bicika. Aho umuzungu agereye mu Rwanda; rwararumuryoshye arugira ubukombe ararukoroniza arutoza umuco w'iwabo uwacu uba uragiyo, abavandimwe turaryana abazungu bo ubwo bararyama dore ko ikivi cyabo bagituye kitabagoye.

Aho gushora umushinga, bashoza amatiku amacakubiri aba araje; abitwa ko bajijutse, aho kuyajora aba aribo bayitabira, batita ku ngaruka zayo, Ndi Gahutu tuzaturana turwanye umututsi; uwitwa umututsi atatira umuhutu yitwaje umuzungu uzamuzungura mu Rwanda. Bashinga amadini adindiza rubanda abakurura mu manza, ubwo bashinga ibikingi, ushoboye gutunga akitwa umututsi, naho uwashoboye guhinga akitwa umuhutu. Uzatakara hagati y'abo bombi azitwa umutwa. Imvano y'ibyo byose; inyito y'imyuga uwagira imvano idafifitse izarushya ifindura, igasobanukira buri wese, yagoboka rubanda, kandi yaba yubaka uru Rwanda.

.../...

Induru yaravuze biratinda, amahindura yo muri 59 aza ari gaheza, biyemeza kwimura no guheza bamwe mu bo rwibarutse ishyanga inyuma y'ishyamba babambura uburenganzira bwabo kandi bwari ngombwa bwo kuba no gutura iwabo mu rwababyaye. Ntibyatinda batira impamvu ngo impagarara zivuke, imivu iratemba, umutungo uragenda ngo atogeke Habyalimana ibyago biba bigwiriye u Rwanda, rwambara urwamba. Umutegetsi yari ikirenga iryo avuze ntirikuko, uwo atanze agatanga, uvuze rukamujyana, urikoze akagororerwa kubera uruganba yabaga arwanye.

U Rwanda rwari rumwe ruhinduka inzanda : Bushiru, Umurera, Urukiga, Ndorwa n'utundi turere dukurikije ubwoko ngo bubo ubwandu, bwo kwikiza umwanzi kandi nawe ari umwana w'u Rwanda. Umwana uri iwabo ahinduka umwanzi, mu kazi akaba inzigo; mu nama akamburwa ijambo agahinduka ingambanyi; umutasi n'izindi ngoso mbi zose bakazimutwerera. Akazi, ishuri, keretse uvuze aho avuka, ukavuga ubwoko byarimba ukongeraho n'idini, nta kwita k'ubushobozi, upfa kuba uri umwambari mu kazu; uzi kuzika no kuzikura inzangano, gucunga no gucura itiku ryo kurwanya umunyanduga kugeza ku ndunduro ukimurwa mu ntera kubera ubugizi bwa nabi.

Mu ntambara yo kwibohora, imbunzarumwa ziragwira; indirimbo yari inyenzi, inyangarwanda, abatutsi ibyitso n'ibindi ... abahejwe n'akazu baza kwihezura, barambiwe ubunango n'ubugaragu bw'abarenzwe bironza Kinani arimanura u Rwanda ubwo ruramuka, uruganba rurarema Umututsi n'undi utavuga rumwe n'akazu arakabona, barica karahava, ukwozi kwari Mata kwitamiriza umutuku ukagira ngo babitutse u Rwanda; insagu yagusemurira.

Nta bapfira gushira, hari abashishoza bashizo ubwoba, baratamba barokora abari imbagwa mu marimbi, ubwo imva zari zimazo gupfuba zo kuzika inzirakarengane.

Abasigaye dutuye uru Rwanda rwari rumaze gutuza ubu rukeneye inkunga mu nkubiri yo gusana u Rwagasabo ngo dusabane dusibo

.../...

icyuho cyashenye uru Rwanda. Twese birakureba : Muturage ukunda urwakubyaye,uzi neza ko isuka ariyo soko y'ubuzima bwawe buri munsi, aho wiboneye iwawo, ibariro ibiho by'ibiba ibagara n'isarura, ihunika n'igurisha ry'umutungo wawe; wumvikane na mugenzi wawe mutumirane nk'uko mwabigenzaga,mufatanye,kandi urabizi ko umugabo umwe agerwa kuri nyina. Amatongo uturanye nayo akwibutse amatage yo muri Mata utakaza abawe; ntawe icyo kiza kitakozeho : uwahigwaga yari agowe kuturusha twese; wanywinye inzira umubuza aho abundeza; uramurange umuha imporuka, umwirukana mu Rwanda ngo azize ubwoko. None wowe ugihumeka; niba utarafashwe ko wishe kandi ukaba wikeka, iziguro nta hazabu kuri mugenzi wawe, womere wikube upfukame imbere y'Imana usabe imbabazi uzazihabwa usubize agatima impembero, ukomange ku gituza ugire, uti "ndatuje ibyabaye byarabaye;ndarahiye sinzasubira".

Wowe se wahigwaga bukware, Imana igakinga ikiganza ni imwe mu ngabire wahawe itumye ugihumeka; guhora sibyo Kamara, kuko ushatse guhora hasigara ingerere; usibye nyakuguhiga, hari uwakuranze we yigira mwere,wamwita nk'ikitso. Umuturanyi wawe; baguhekuye ari kureba ntatere akaruru akaruma gihwa,wamufata ko umwanzi; umutima usobotse amaganya ntusobanura amagambo, bose wabahindura abagambanyi, urugamba rukongera; ugasigara nta mahame, ariko nta muhana iruhande kandi nta muhanga wa nonje.

Hari uturutse ishyanga nyuma y'ishyamba; indaro mbi urayizi wiyifuriza abandi; ingingo n'impamvu yaguteye guhunga iracyahari kuko ntaho yagiye; ubutegetsi bubi nubuha umwanya, ntibizatinda ndakurahiye; Inda mbi ndabona bamwe ari yo yabahaye indaro; gusonza ukazana amasonza natwe uzagusonga ariko gusonza ukasizora uzora umugara, ugasaba umuganda wo kwamagana rubanda ubamubura utwabo; ubutaka n'ibindi, uzabage wifashe njye ntuzampe. Uzaba umugaragu w'inda indaro yawe ari amahwa, kandi urabizi bizaba amahano.

Ubutegetsi si ubutetsi, iteka ugomba gutokoroza kuko wihaye gutota wateterorwa.

"Umutegetsi Umutware", ni izina rikuremaza ariko wowe wumva rigukwiye. Burya"Umuyobozi" ni ryo kirenga. Uwo murimo ntiworoshye; kuyobora ni ukwirinda kuyoba no kuyobya, uzabona abayoboke nubakorera neza,naho ubundi hari ba nyamujya iyo bajya

bazakoma mu nyuma, ariko hari n'abandi baroba kure bazagutarura utaratora kabiri. Uzi kwitwaza ubwami;ukarimbura imbaga! Uri umutwaro,uracyashaka amaturo nkamwo ya kera? Irindo amatiku,uranduro burundu ironda koko n'ironda karere, ukoro akazi uko gakwiye, utange impanuro mu nama muhabwa,nubabora urugero uzaba urwego.

"Munyamakuru" Ukuntu uwo mwuga ugukwiye,ukugira mukuru mu bandi uwutosha agaciro,ngo uraca amararo ? Ufite inshingano yawo yo gutara no gutangaza amakuru; ukayavuga by'imvaho nta kuvimvika ngo uvugisho cyangwa ngo uhimbo; ukavuga ibyo wahagarayrho nawo. Gutanga no gutara si ugutata waba utatira, ugafata ikinyamakuru cyawe ukagihindura ikinyamatiku, Gasonya, Gacabintu n'andi mazina menshi ataguhosha umugisha mu buzima bwawe. Tara utangaze inkuru n'ibitekerezo, nawe uzagororerwa. Niba utinya gupfa uzira ukuri, ukuro utwawo urukaratasi urutange abarwitangiye bazabikora, nibapfa tuzabibatorokoza kandi bazabo mu ijuru bujo urugwiro, kubora urukundo bagiriye uru Rwanda. Amakuru si agakungu, amakuru si amatiku. Si mu itangazamakuru gusa tubwira;no mu bashinzwe umutekano w'abanyarwanda harimo ibirumbo.

"Ingabo" Uri ingabwa rwose rwego warabihawe,uhoreye ku nyito y'iryo jambo, ingabo iberoye kurinda;ingabo y'umutamenwa uwayitwazaga yitabiriye urugamba yagamburuzaga ababisha.Umutekano ni ngombwa kandi natwe tuzagufasha. Intwaro wahawe si urwitwazo ngo usenye uru Rwanda, ahubwo ni ukururinda;inkiko zarwo urazizi, ubusugi n'ubusugire biragushinzwe.Uri umusoro usoretse, uri igisagara, ariko irinde gusakara no gusagarira abo ushinzwe,icyo gihe waba urenze ku nshingano yawe ya ngombwa. Gushaka kwigira rutinywa, bizatuma rubanda bakwishisha nabo, bikugoro kandi burya baba baziganye byinshi : umutekano mu ngo zabo;bawuzi kukurusha, urugomo rukorwa hirya hino mu cyaro impande zose; induruburi z'amabandi ndetse n'ibindi bikorwa by'umwanzi kuko abenshi aribo baroba.Mukozo noza umurimo mushinzwe, mugafatanya n'abaturage uko bikwiye aho kubitinyisha,umutekano warushaho kugenda neza bityo kandi n'abashaka kuwuhungabanya bagatahurwa bagashyikirizwa "ubutabera".

"Abashinzwe ubutabera".Ubutabera niyo nkingi y'amahoro n'amajyambere;nibuganzo, Umuco wo kudahana waranzo u Rwanda ukaruhindura

.../...

urwabajoyi, iyo ngoso muyihinduro nta kujonjoka; kuba waratorewe uwo murino,si ukugira ngo udamararo mu ifutoyi n'amafuti menshi, ni ugukonga ugakonguza, ukunga iyo usanzo hari ubwiyungo; ugahana iyo uhuyo na ba ruharwa. Hari abitabira kuzuza umufuka umutungo bakuyo mu nkiko; ukuri kwabo kukazirikira ukumva ngo "Gucocoka si ubucucu,ni uguocbgorwa ni ibyo uzi ugacira mu rutina ushaka kuniga Kanaka, ugatuza". Ngaho roro ninuzirikano ibyo; mwibuko amasezerano mwagiranye n'urwababyayo, ubwo mwarahiraga imbore y'umukuru w'igihugu; ko uzatunganya umurimo ushinzwe nono ukaba ubayo umukoza kinyoma ...

"Minisitori zibishinzwe"; iy'ubutabora ndotse n'iy'ingabo bubahirizo amabwiriza ya guvorinoma y'ubumwe, bahuguro abo bashinzwe,batazitwaza ngo ntibabizi; kuko amacumu y'ubwiyungo turirimba buri munsi twitwaza ubwigongo ataroshira igorora : Twibuko ko umunyamakuru ari ijisho rya rubanda,namara kubijora, akakujorora,azakwambika urugukwiye. Uko batobyo ntimugatororo iyo; mukomezo mugoragozo mubagororo ubutitsa kandi ngo ijisho ridahuga ntirihaka.

Naho ibyo kuvuga ingorane zibagonga;gufata ibyonezo nka biriya biragira, ariko ushishoza akaroba, rikaronga ugataha. Birazwi ko ntawiyaga amabi hari amoza; ariko muri iki giho muzirikano ko murimo abatari boro, burya ababajora ntibaba babonye aho bahora: bondora ku bunyanda bwa banwo muri mwe badakorana umwete ngo bakurikirano icyaha bacyaho nyiracyo, bagahora ku burangaro bwa banwo, bishinga uburanga aho bagandagaje mu nkiko, bashima mu bwanwa bakibagirwa ko babwira rubanda. Buririra ku bonora ibishuko by'ibyaha, bakiyibagiza ibishura bahabwa; no kwishinga imvugo zitagira ishingiro, zisaritse uwo mwuga nta mpamvu. Bakabatogora ku gisigisigi cyo muri "Salo",ibyo bigatuma udacuranga umurya wakuyo mu nganzo yawo, bwa bwiguro bugatuma uhohotera inzirakarengane, ububasha bwawe ukabusiga mu ifufuma rya fotoyi. Ariko icy'ingenzi mwaduhayo, ni uguhora muducira akanzu mu ikanzu, mukikiza ababisarika abafashi bototora abakannyi, mwigisha boso kubahiriza ubucamanza. Mugomba gushyira mu gaciro mukamonya ukuri kugira uko kuvugwa ngo kugiro akamaro, aho kugarika ingogo. Nti muzimbiro ku kwitorura ngo mutatanye abagombaga gutahiriza umugozi umwe.

.../...

Ibi byose roro iyo bibaye, ni ubwo bwose bitaratangira kandi bikaba bitazaba itetu, bitubya umutekano wacu twese bigasiga igisaro mu bana b'u Rwanda. Nyamara hari umuti umwe rukumbi: iyo ukunda igihugu cyawe, ugakunda mugenzi wawe, ugakunda n'umwuga, n'icyo wikanga nticyaguhungara; n'iyo mu gicu igukubise ntiwabura abagangahuzi. Ubuzo umuvuzi mwiza ku isi no mu ijuru ntiwazamubona.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Mu rwego rwo kwibuka ibyabaye no kwirinda ko byakongera, dukwiye gusubiza agatima impembero tukareba ingaruka, n'ingamba zafatwa zigangahura uru Rwanda. Tukiyemeza gufatanya nta gahato, tutananiza abayobozi. Tuzi ko bagenze amajoro n'iminsi, batitaye ku mvune n'umunaniro; amahanga bayagize umuhana, baharanira kuvana uru Rwanda mu rwamba, baruhahira amahoro. Natwe twitabire ayo mahoro yaba aya Roho n'ay'umubiri, tube inshuti mu nzego zose tutitaye ku moko cyangwa idini. Tugaragaze ko dushobora gusabana mu masangano. Twagure amarembo uru Rwanda rugendwe.

Babyeyi murera abazaza, murebe umwana mu muco no mu bwenge, mu mashuri no mu nzego zose, dufatanye na Leta; tuzahure uru Rwanda turwambike ikamba hakambure abarwanga.

Bana b'u Rwanda bitabiye itabaro muri Mata nimuhuze umugambi, dutizanye umusanzu turusubize isura. Dusabane duhuze urugwiro, niduhuze mu rwego, twambare urwera turwubake twese.

Kuba twe ubwacu twaremeye kwisubiraho aho kwisubiranano, twiyemeze tunagorore ibigoramye byose n'ubwo bizatugora, kuko tuzatsikira ni ngombwa inzira yacu iri mu manga. Kuba abanyarwanda twaritabiriye ubwiyunge, ukuri kuturange, ingoso mbi tuzambure intebe, intambwe izahabwe intebe :

-Hari imivu yatembye itukura, yaguteye kwivumbura uremera uruha uwa Kavuna, ntibikabe akamenyero.

-Hari ibiriba byinshi, ubwo utabaye byaguteye kubabara. Ngo ubyaye ishyano araryonsa. Cururuka, urenzeho. Ibisaro by'agahinda byomorwa no Kwihangana no Kubabarira.

Abagiye ntituzi iherezo ryabo; abafunze mwicuze mwese, mwicare dusabe Imana impano yo gusana u Rwagasabo twisobanure n'icyaha, icyo cyago cyandagaje umunyarwanda. Twese uko Imana yaduhanze tube abavandimwe twishime, tugabe amahoro ahore amerera igihugu cyose, nitugira amahoro twihe kuyambara twese kandi igihe cyose.

Ibyishimo, urukundo n'umutekano bitsinde amarira, ishavu n'umubabaro.